No 207 Nzeri 2017

# MAKURU KI MU IHURIRO RY'IGIHUGU RY'IMITWE YA POLITIKI MU RWANDA



## KOMISIYO ZIHORAHO Z'IHURIRO ZASHIMYE IBYO ZAGEZEHO MU MWAKA WA 2016/2017

*Mu ntangiriro y'ukwezi kwa Nzeri abagize Komisiyo Zihoraho z'Ihuriro barateranye bemeza raporo y'ibikorwa bya Komisiyo by'umwaka w'ingengo y'imari 2016-2017, banungurana ibitekerezo ku bindi bikorwa Komisiyo zakora mu minsi iri imbere.*

Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane yateranye kuwa 30 Kanama 2017, Umuyobozi wayo Hon. TITO RUTAREMARA yibutsa abayigize ko raporo y'ibikorwa basuzuma yibanda ku bikorwa Komisiyo yagezeho mu mwaka wa 2016-2017. Avuga ko, iyi Komisiyo, kimwe n'izindi Komisiyo zihoraho z'Ihuriro ari urwego rwunganira Biro y'Ihuriro, akaba ari yo mpamvu ibikorwa byayo bitegurirwa mu nama zisanzwe za Komisiyo ziterana ku buryo buhoraho rimwe mu mezi abiri. Yavuze ko mu ntangiriro y'umwaka w'ingengo y'imari wa 2016/2017, Komisiyo yateguye gahunda y'ibikorwa ishingiye ku nshingano zayo no ku igenamigambi ry'ibikorwa by'Ihuriro (NFPO Action Plan 2016/2021), avuga kandi ko iyo gahunda yari ikubiyemo ibikorwa bitanu aribyo (1) Gutanga ubufasha ku mahugurwa atangwa mu Mitwe ya Politiki ubwayo, ajyanye n'ubuhanga bwo gukumira no gukemura amakimbirane ya politiki no gukurikiranira hafi uburyo akorwa; (2) Gutegura no kumurika Imfashanyigisho y'amahugurwa ku buhanga bwo gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki; (3) Gutegura inyandiko ya gahunda y'igihe kirekire y'amahugurwa ku buhanga bwo gukemura amakimbirane ya Politiki (Long Term capacity building plan on Conflict prevention and resolution); (4)Gusakaza indangamyitwarire y'Imitwe ya politiki n'abayoboke bayo; (5) Gusuzuma amategeko agenga Ihuriro akwiye kuvugururwa agahuzwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 ryavuguruwe mu 2015.Abagize iyi komisiyo bashimye uko muri rusange, ibikorwa byateguwe n'iyi Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017 byagezweho ku kigereranyo gishimishije. Aho bavuze ko inama zisanzwe za Komisiyo zateranye, ziganira ku ngingo zinyuranye zemejwe. By'umwihariko bashima igikorwa cyo gutegura Imfashanyigisho n'inyandiko mpine yayo ku buhanga bwo gukumira, gusesengura no gukemura amakimbirane ya politiki, nk'igikorwa Komisiyo iha agaciro gakomeye kuko izi nyandiko zizajya zifashishwa na za Komite zishinzwe gukumira no gukemura amakimbirane mu Mitwe ya politiki mu kurangiza neza inshingano zazo; bityo n'Ihuriro rigakomeza kuba urubuga ruteza imbere demokarasi ishingiye ku bwumvikane busesuye, abanyapolitiki b'u Rwanda bagatozwa umuco w'ubworoherane, kujya inama kenshi, no gushaka umuti w'ibibazo binyuze mu biganiro byubaka.

Komisiyo ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo nayo yateranye kuwa Kane tariki ya 07/9/2017 iyobowe na Perezida wa Komisiyo, Hon. NKUSI Juvenal. Iyi nama yasusuzumye inemeza Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2016-2017; yungurana kandi ibitekerezo ku nsanganyamatsiko (theme) ya Conference kuri Philosophie politique rwandaise; inahabwa amakuru y'uburyo ikiganiro cyo ku munsi mukuru w'ubwigenge (01/7/2017) cyagenze.
Mu gusuzuma Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017, abagize Komisiyo bishimiye ibyo Komisiyo yagezeho birimo: gutegura amahugurwa y'abanyamakuru ku buhanga bwo gutara, gusesengura no gutangaza inkuru za Politiki; kwemeza Depliant y'Ihuriro na Depliant ivuga ku mateka y'abanyapolitiki bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bashyinguye mu Rwibutso rwa Rebero; ndetse no kwemeza ingingo zaganiriweho mu nama z'Inama Rusange y'Ihuriro. Abagize Komisiyo bemeje iyi Raporo, batanga igitekerezo cy'uko Raporo z'ibikorwa bya Komisiyo zose z'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017, zazahurizwa hamwe zigakorwamo agatabo (bouklet).
Ku ngingo yo Kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko (theme) ya Conference kuri Philosophie politique rwandaise, hibukijwe ko buri myaka ibiri, Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki ritegura inama yo ku rwego rw'Igihugu kuri *Philosophie politique rwandaise*. Komisiyo y'Ihuriro ishinzwe itumanaho no kungurana ibitekerezo igira uruhare rugaragara mu gutegura iyi nama.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yibukije ko Inama ya mbere yabaye mu mwaka wa 2013, yari ifite insanganyamatsiko igira iti: ***"La philosophie politique et la conscience nationale dans le Rwanda ancien"***, naho iya kabiri iba muri 2015, ikaba yari ifite insanganyamatsiko igira iti: ***"La philosophie politique du Rwanda actuel"*.**

Muri iyi nama hagaragajwe ko bimwe mu bituma u Rwanda rugenda rutera imbere, ahanini bishingiye k'Ubuyobozi bwiza kandi buhamye(Effective leadership), ubuyobozi bushyira imbere abaturage (people centered governance), hakaba hari na gahunda nyinshyi zifasha abaturage kwivana mu bukene (Pro poor policies).
Mu gutekereza ku nsanganyamatsiko yazaganirwaho muri uyu mwaka wa 2017, Ubunyamabanga Nshingwabikorwa bwasanze insanganyamatsi ***"La philosophie politique de la démocratie consensuelle au Rwanda"***, ariyo ikwiye muri iki gihe.

Mu guhana amakuru y'uburyo ikiganiro cyo ku munsi mukuru w'ubwigenge (01/7/2017) cyagenze, Perezida wa Komisiyo, Hon. NKUSI Juvenal, umwe mu batanze ikiganiro, yamenyesheje abari mu nama ko, mu kiganiro batanze yari kumwe na Hon. MUKAKARANGWA Clotilde, Umuvugizi w'Ihuriro, na Perezida wa Komisiyo Mbonezabupfura no gukemura amakimbirane, Senateri RUTAREMARA Tito. Ikiganiro cyibanze ku Uruhare rw'Imitwe ya Politiki n'Abanyapolitiki mu guharanira ubwigenge nyabwo bw'u Rwanda n'ubw'Afurika muri rusange. Yavuze ko ikiganiro cyanyuze mu bitangazamakuru bya RBA (TV, Radio Rwanda na Radiyo z'abaturage).

Kuwa gatanu tariki ya 08/9/2017 kandi mu cyumba cy'inama cy'Ihuriro hateranye inama idasanzwe ya *Komisiyo ishinzwe Gahunda, ibikorwa by'Ihuriro, n'ubufatanye n'izindi nzego;* iyoborwa na Perezida wa Komisiyo, Senateri MUKANKUSI Perrine.

Abagize Komisiyo basuzumye Raporo y'ibikorwa bya Komisiyo mu mwaka wa 2016-2017 barayemeza batanga inama ko raporo y'ibikorwa yanozwa hakagaragazwa: ibikorwa byari biteganijwe; ibikorwa byagezweho; ibikorwa by'inyongera byagezweho n'ibitarashoboye kugerwaho n'impamvu.

Iyi Komisiyo yanasuzumye Raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017; inasuzuma Raporo y'ubugenzuzi bw'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2016-2017
Mu kugeza kuri Komisiyo Raporo y'ibikorwa by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro yagaragaje ibikorwa bigari Ihuriro ryari ryarateganije, agaragaza ibyagezweho n'ibitaragezweho.

Nyuma yo kungurana ibitekerezo kuri raporo, abari mu nama bemeje Raporo y'ibikorwa by'Ihuriro yo mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017, basaba Biro ya Komisiyo kuzakorana n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa mu kuyinoza.

Umugenzuzi w'imari wigenga, Bwana SEMIGABO Edouard, wakoze ubugenzuzi bw'imari n'umutungo w'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari 2016-2017, mu bugenzuzi bwe yabonye ko Ihuriro ryateye imbere mu bijyanye n'imicungire y'imari n'umutungo kuko, ibyari byaragiye bigaragazwa ko bitameze neza mu micungire y'imari n'umutungo mu bugenzuzi bwo mu mwaka wa 2015-2016, byose byakosowe.

## DELEGASIYO YATURUTSE MURI NAMIBIYA YASOBANURIWE UKO IHAME RY'UBURINGANIRE RYUBAHIRIZWA MU IHURIRO

*Mu rugendo shuri ruri gukorwa na bamwe mu Abadepite bagize Ihuriro ry'Abagore bo mu Nteko Ishinga Amategeko yo mu Gihugu cya Namibiya, kuri uyu wa 27 Nzeri 2017 basuye Ihuriro mu rwego rwo kureba uko ihame ry'uburinganire ryubahirizwa mu Ihuriro no mu Mitwe ya Politiki irigize.*



*Abagize Delegasiyo yo muri Namibiya basobanurirwa*

Mu kubakira, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Ihuriro Bwana BURASANZWE Oswald, yabashimiye uburyo bahisemo gusura Igihugu cy'u Rwanda, no kuza kwirebera uko inzego zinyuranye zo mu Rwanda harimo n'Ihuriro bikora mu kubahiriza ihame ry'uburinganire. Nyuma y'iri jambo ry'ikaze yasabye Umuyobozi w'Ishami rishinzwe Itumanaho n'Imirimo ya za Komisiyo Bwana SINDAYIHEBA Fabien gusobanura imikorere n'imikoranire y'Ihuriro n'uko ryubahiriza ihame ry'uburinganire.

Bwana SINDAYIHEBA Fabien nawe wabanje guha ikaze iyi delegasiyo, yababwiye ko mu bikorwa byose by'Ihuriro, ihame ry'uburinganire ryubahirizwa, haba ku bitabira Inama Rusange aho buri Mutwe wa politiki ugena nibura abagore babiri (2) kuri bane (4) bari mu buyobozi bukuru b'Umutwe wa politiki kwitabira iyo nama; haba abagize Biro y'Ihuriro aho nibura muri babiri bayigize, umwe agomba kuba ari umugore; haba abagize Komisiyo zihoraho z'Ihuriro, ndetse n'abitabira amahugurwa ategurwa naryo aho nibura ½ cyabo bagomba kuba ari abagore. Yakomeje asobanurira iyi delegasiyo imikorere n'imikoranire y'Ihuriro, inshingano zaryo n'ibyo rimaze kugeraho n'uburyo Imitwe ya Politiki yinjira mu Ihuriro, aho rikura ingengo y'imari n'uburyo ikoreshwa.

Mu bibazo babajije, ku bijyanye n'uburyo Ihuriro ritoranya abazitabira amahugurwa cyane cyane mu ishuri ryigisha ibya politiki n'ubuyobozi/YPLA, basobanuriwe ko Ihuriro risaba Imitwe ya politiki kugena umubare ungana w'abasore n'inkumi, bafite imyaka itarenze 30 y'amavuko, kandi bafite nibura impamyabushozi ya Kaminuza cyangwa yiga muri Kaminuza.

Ku kibazo cyijyanye no kugena indorerezi zikurikirana amatora mu Guhugu, abagize delegasiyo basobanuriwe ko Ihuriro risaba Imitwe ya politiki kugena indorerezi (Umubare ungana kuri buri Mutwe wa politiki) bakabashyikiriza Ihuriro. Icyo gihe, indorerezi iba ibaye iy'Ihuriro ntiba ikiri iy'Umutwe wa politiki.

Uyoboye iyi Delegasiyo Hon. HILMA Nicanor, yabwiye abari muri ibi biganiro ko mu Gihugu cyabo hari ubushake bwa politiki bwo guteza imbere umugore gusa ariko ko bataragera ku rwego u Rwanda rugezeho ari nayo mpamvu y'uru rugendo – shuri. Yashimye ko aho banyuze hose hano mu Rwanda, haba mu Nzego za Leta haba no mubikorera, bigaragara ko ihame ryo guteza imbere umugore ryubahirizwa.



*Hon. HILMA Nicanor waje uyoboye izi ntumwa*

Iri tsinda ryashimye intera u Rwanda rumaze kugeraho mu guteza imbere umugore bashima kandi ko, uretse no mubikorwa bya buri munsi by'Ihuriro, Imitwe ya politiki ikora ibishoboka byose ngo yubahirize iri hame, bizeza ko bazaratira iwabo ibyiza basanze mu Rwanda kandi ko bazashishikariza Igihugu cyabo gukora ibyiza u Rwanda rukora cyane cyane hitabwa ku kuvugurura amategeko kugira ngo koko umugore wo mu Gihugu cya Namibiya agire ijambo muri politiki no mu bundi buzima bw'Igihugu.

## INAMA RUSANGE Y'IHURIRO YASHYIZEHO BIRO NSHYA

*Kuri uyu wa kane, tariki ya 28 Nzeri 2017, inama isanzwe y'Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye, iyobowe n'Umuvugizi w'Ihuriro, Depite MUKAKARANGWA Clotilde.*

Muri iyi nama, ku murongo w'ibyizwe hari ingingo zikurikira:

(i) Gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 29/06/2017;

(ii) Gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2016-2017;

(iii) Gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka wa 2016-2017;

(iv) Gusuzuma no kwemeza raporo y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora rya Perezida wa Repubulika ryo kuwa 4 Kanama 2017;

(v) Kungurana ibitekerezo ku isobanurampamvu ry'umushinga w'ivugururwa ry'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro;

(vi) Gushyiraho abagize Biro y'Ihuriro.

Ku ngingo ijyanye no gusuzuma no kwemeza inyandikomvugo y'inama y'Inama Rusange yo kuwa 29/6/2017; Inama Rusange yayemeje imaze kuyikorera ubugororangingo bw'imyandikire.

Ku ngingo irebana no gusuzuma no kwemeza raporo y'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017, Inama Rusange yashimye ibyagezweho n'uburyo ingengo y'imari yakoreshejwe maze irayemeza.

Ku ngingo irebana no gusuzuma no kwemeza raporo y'igenzura ku mikoreshereze y'imari n'umutungo by'Ihuriro mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2016-2017, Inama Rusange yashimye ko imari n'umutungo by'Ihuriro byacunzwe neza.

Ku ngingo irebana no gusuzuma no kwemeza raporo y'indorerezi z'Ihuriro zakurikiranye itora rya Perezida wa Repubulika ryo kuwa 4 Kanama 2017; Inama Rusange yashimye uburyo Itora ryagenze, ishimira Abanyarwanda uburyo baryitabiriye; ishima uburyo ryabaye mu mucyo, mu bwisanzure no mu mutekano usesuye ndetse n'uburyo abaturage bakiriye ibyavuye mu itora. Ikindi Inama Rusange yashimye uburyo Imitwe ya Politiki yitwaye neza mu itora. Yanashimye kandi uburyo Inzego za Leta zahaye amahirwe angana abakandida mu gihe cyo kwiyamamaza.

Ku ngingo irebana no kungurana ibitekerezo ku isobanurampamvu ry'umushinga w'ivugururwa ry'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro; Inama Rusange yemeje ishingiro ry'ivugururwa ry'Amategeko Ngengamikorere y'Ihuriro.

Ku ngingo irebana no gushyiraho abagize Biro, Inama Rusange yashyizeho abagize Biro y'Ihuriro ku buryo bukurikira: ku mwanya w'Umuvugizi hatowe Bwana NIZEYIMANA Pie, uturuka mu Mutwe wa Politiki UDPR; naho ku mwanya w'Umuvugizi Wungirije, hatorwa Madamu UWINGABE Solange uturuka mu Mutwe wa Politiki PSR.